# INCAMAKE Y'AMATEGEKO AJYANYE N'UBURENGANZIRA BW'ABAGORE KU BUTAKA N'IMIKORESHEREZE MYIZA Y'UMUTUNGO UKOMOKA KU BUTAKA



**Aka gatabo kateguwe ku bufatanye bw'umuryango Imbuto Faundation n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buringanire n'Iterambere ry'Abagore, ku nkunga y'Umushinga ugamije guteza imbere imibereho y'Umugore wo mu cyaro (RWEE)**

imbuto foundation

UN WOMEN
United Nations Entity for Gender Equality and the Empowerment of Women

Joint Programme On: Accelerating Progress towards the Economic Empowerment of Rural Women

**Kigali, Werurwe 2021**

## IJAMBO RY'IBANZE

Iyo umugabo n'umugore, umuhungu n'umukobwa bashyingiranwe cyangwa bitegura gushyingiranwa, buri muntu aba afite umutungo asanganywe waturutse mu nzira zinyuranye: akazi, impano y'ababyeyi cyangwa inshuti, umunani, irage n'ibindi.

Iyo umugore n'umugabo bamaze gushyingirwa, ari umutungo buri wese yari asanganywe, ari uwahashywe nyuma yo gushyingirwa, uwo mutungo ujya he? Uba uwa nde? Ucungwa ute? Ni uruhe ruhare buri wese mu bashakanye afite ku mutungo, haba kuwukoresha, kuwucunga cyangwa kuwugena?

Ibi bibazo byose byanagaragajwe nk'imwe mu ntandaro z'amakimbirane akunze kugaragara mu muryango nyarwanda. Ibi bibazo bibonerwa ibisubizo mu mategeko agenga ubutaka, imicungire y'umutungo w'abashakanye ndetse n'ikoreshwa ryawo, bishingiye ku masezerano abashyingiranywe baba baragennye mbere, bikozwe mu bwisanzure.

Aka gatabo kateguwe nk'imfashanyigisho ku bafatanyabikorwa b'umushinga RWEE, abafashamyumvire bagizwe n'inzego z'ibanze, abavuga rikumvikana, n'abandi banyarwanda muri rusange, hagamijwe kubongerera ubumenyi n'ubushobozi mu bijyanye n'uburenganzira ku butaka n'imikoreshereze yabwo, by'umwihariko abagore n'abakobwa.

Bagore, bakobwa, twiyemeje gukora ibishoboka byose ngo uburenganzira bwanyu bwubahirizwe ariko uruhare runini ni urwanyu. Mukomeze kwifashisha aka gatabo muhugura bagenzi banyu, abo mwashakanye ndetse n'abana banyu. Mubasobanurire ko intambwe ya mbere yo kugera ku iyubahirizwa ry'amategeko agenga ubutaka, ari uko abashakanye bagomba kuba barasezeranye imbere y'amategeko.

**Umutoni Sandrine**

**Umuyobozi Mukuru wa Imbuto Foundation**

## IBIKUBIYEMO


IJAMBO RY'IBANZE 1

IBIKUBIYEMO 2

INTANGIRIRO 3

I.IMITERERE Y'IKIBAZO CY'UBURENGANZIRA BW'ABAGORE KU BUTAKA, IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO UKOMOKA KU BUTAKA N'IZUNGURA 4

I.1.INKOMOKO Y'IMPINDURAMATWARA/UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE BW'ABAGORE N'ABAGABO 5

I.2.INYANDIKO N'AMATARIKI BY'INGENZI BIJYANYE N'UBURENGANZIRA BW'UMUGORE 6

II.UBURENGANZIRA BW'UMUGORE N'UMUKOBWA KU BUTAKA, IZUNGURA N'UMUTUNGO 8

2.1 UBURENGANZIRA BW'UMUGORE KU BUTAKA 8

2.1.1 AMATEGEKO AHA UMUGORE N'UMUKOBWA UBURENGANZIRA KU BUTAKA 8

2.2 UBURENGANZIRA KU MUTUNGO UKOMOKA KU BUHINZI 10

2.2.1 AMATEGEKO AHA UMUGORE N'UMUKOBWA UBURENGANZIRA KU MUTUNGO UKOMOKA KU BUHINZI/UBUTAKA 10

2.2.2 UBUHAMYA KU BURENGAZIRA BW'UMUGORE KU MUTUNGO UKOMOKA KU BUHINZI/ BUTAKA 13

II.1.UBURENGANZIRA BW'UMUGORE N'UMUKOBWA KU IZUNGURA 14

II.1.1.AMATEGEKO AHA UMUGORE N'UMUKOBWA UBURENGANZIRA KU IZUNGURA 14

II.1.2. UBUHAMYA KU BURENGAZIRA BW'UMUGORE KU IZUNGURA 16

II.2. UKO AYA MATEGEKO YEREKEYE UBURENGANZIRA BW'ABAGORE KU BUTAKA AKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA 18

II.3.INZEGO ZIGIRA URUHARE MU GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU MURYANGO ASHINGIYE KU BUTAKA, IZUNGURA N'UMUTUNGO 19

III.BIMWE MU BIBAZO WAKWIBAZA KU BURENGANZIRA BW'UMUGORE KU BUTAKA, KU IZUNGURA NO KU MUTUNGO N'IBISUBIZO NYABYO KURI BYO 20

UMUSOZO 23

INYANDIKO ZIFASHISHIJWE 24

## INTANGIRIRO

Umuryango Imbuto Foundation ufatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku buringanire n'iterambere ry'umugore (UN Women), ku nkunga y'umushinga ugamije guteza imbere imibereho y'umugore wo mu cyaro (RWEE), wateguye agatabo kagaragaza icyo amategeko y'u Rwanda ateganya ku burenganzira bw'umugore ku butaka, izungura ndetse n'umutungo.

By'umwihariko aka gatabo kibanda ku cyo amategeko ateganya ku burenganzira bw'abagore n'abakobwa ku butaka, umutungo n'izungura hagamijwe iterambere rirambye rishingiye buringanire n'ubwuzuzanye ndetse no kubaka umuryango ukomeye kandi utekanye.

Aka gatabo gakubiyemo ibice bitatu by'ingenzi bikurikira:

- **Igice cya mbere** kigaragaza imiterere y'ikibazo cy'uburenganzira bw'abagore ku butaka, imikoreshereze y'umutungo ubukomokaho ndetse n'izungura. Aha kandi hagaragaramo inyandiko n'amatariki by'ingenzi bigaragaza inzira ndende abaharanira uburenganzira bw'umugore ku butaka, izungura n'umutungo banyuzemo; haba ku rwego rw'isi, akarere u Rwanda ruherereyemo ndetse no ku rwego rw'igihugu.

- **Igice cya kabiri** gikubiyemo amategeko aha uburenganzira abagore n'abakobwa ku butaka, izungura n'umutungo, cyane cyane umutungo ukomoka ku butaka. Muri iki gice kandi duha ijambo Abafatanyabikorwa n'Abagenerwabikorwa b'uyu mushinga, aho bagaragaza ubumenyi bwabo n'ubuhamya butandukanye kuri buri ngingo. Iki gice kandi kigaragaramo aho aya mategeko yaba ahuriye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'inzego zigira uruhare mu gukemura amakimbirane afite aho ahuriye n'uburenganzira bw'umugore.
- **Igice cya gatatu** kigaragaza imbogamizi zikigaragara nk'izibangamiye uburenganzira bw'umugore ku butaka, izungura n'umutungo, n'uburyo zakemuka.

## I. IMITERERE Y'IKIBAZO CY'UBURENGANZIRA BW'ABAGORE KU BUTAKA, IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO UKOMOKA KU BUTAKA N'IZUNGURA

Imwe mu ntego zikomeye z'umuryango Imbuto Foundation n'Abafatanyabikorwa bawo ni ugukangurira abagore n'abandi bose bazagerwaho n'aka gatabo, ibijyanye n'amategeko aha abagore uburenganzira ku butaka, ku izungura ndetse no ku mutungo ukomoka ku butaka, hagamijwe kubafasha gusobanukirwa uburenganzira bwabo no guharanira ko bwubahirizwa, kugira ngo biteze imbere n'imiryango yabo.




Mbere yo kumenya ibikubiye muri aya mategeko aha umugore uburenganzira ku butaka, izungura n'umutungo mu Rwanda; ni byiza kumenya ko mu mateka ya muntu igitsina gore cyakandamijwe, kibuzwa uburenganzira butandukanye. Ibi byagaragaye ku isi yose, mbere y'uko haba impinduramatwara yari igamije guha uburenganzira bungana abagabo n'abagore ndetse n'abana b'abahungu n'ab'abakobwa. U Rwanda ntirwasigaye inyuma muri uru rugamba, aho amategeko atandukanye yashyizweho ndetse hakajyaho n'ingamba zifatika zigamije kwimakaza ihame ry'uburinganire no gushimangira uburenganzira bungana hagati y'ibitsina byombi.

## I.1. INKOMOKO Y'IMPINDURAMATWARA/UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE BW'ABAGORE N'ABAGABO

**Ku rwego mpuzamahanga**, uburengazira bw’umugore n’umukobwa muri rusange bwatangiye guharanirwa nyuma gato y’irangira ry’intambara ya kabiri y’isi yose, aho umuryango mpuzamahanga washakishije uburyo abantu bose bagira uburenganzira nk’ikiremwamuntu, kandi bakaba bareshya n’imbere y’amategeko. Mu mwaka w’ 1948 hagiyeho amasezerano mpuzamahanga y’uburenganzira bwa muntu. Iyo bavuze uburenganzira bwa muntu muri uru rwego, umuntu akwiye kumva ko nta vangura rikwiriye kuba rigaragara, ryaba irishingiye ku gitsina, ryaba irishingiye ku moko, ku karere, ku idini, n’irindi.

**Ku rwego rw’igihugu**, guharanira uburenganzira bw’umugore byashyizwemo imbaraga mu buryo bugaragara nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubwo byari bimaze kugaragara ko hari abapfakazi benshi ndetse n’imfubyi nyinshi zirimo n’abana b’abakobwa. Ibi byiciro byombi byisanze bigomba gufata iya mbere mu rugamba rwo kwita ku iterambere ry’imiryango yari isigaye ndetse n’iry’igihugu muri rusange.

Impuguke ku bijyanye n’iyi ngingo basobanura ko amategekeko tubona uyu munsi aha umugore n’umukobwa uburenganzira ku butaka, ku izungura no ku mutungo aturuka mu ntekerezo yagutse cy’abaharaniye uburenganzira bw’abanyarwanda mu myaka ya za mirongo icyenda. Ibi bitekerezo mpinduramatwara bishimangira ko nta munyarwanda n’umwe ukwiriye kuba yavangurwa; hashingirwa ku bwoko, ku myaka, ku idini, ku gitsina, n’ibindi.

Izi ntekerezo zidaheza ni kimwe mu byashingiweho mu itegurwa ry’Itegeko Nshinga ryo muri 2003 ryahinduwe muri 2015, rifite amahame remezo atandukanye abanyarwanda biyemeje kugenderaho, nk’uko bigaragara mu ngingo yaryo ya 10, igika cya 4. Iyi ngingo ivuga ko “Leta y’u Rwanda yiyemeje kugendera ku mahame remezo arimo uburinganire bw’Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo”. Kuba ari ihame bisobanura ko nta gihe runaka ryashyiriweho kandi ko rigomba kubahirizwa na bose, mu gihugu hose.

## I.2. INYANDIKO N'AMATARIKI BY'INGENZI BIJYANYE N'UBURENGANZIRA BW'UMUGORE

### INYANDIKO N'AMATARIKI BY'INGENZI BIJYANYE N'UBURENGANZIRA BW'UMUGORE

KU RWEGO MPUZAMAHANGA

- **Amasezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira bwa muntu**

Aya masezerano yashyizweho umukono i Paris mu Bufaransa ku itariki ya 20 Ukuboza 1948, binyuze mu myanzuro y'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye 217 A. Aya masezerano afatwa nk'intambwe ikomeye mu mateka y'uburenganzira bwa muntu, n'ay'uburenganzira bw'umugore by'umwihariko.

- **Amasezerano agamije guca burundu ubwoko bwose bw'ivangura rikorerwa abagore**

Aya masezerano yasinyiwe i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ku itariki 18 Ugushyingo 1979, ariko atangira gushyirwa mu bikorwa ku itariki ya 3 Nzeri 1981. Aya masezerano yaje gushimangira ubushake bw'ibihugu bigize umuryango w'abibumbwe bwo guharanira uburenganzira bw'umugore, aho byari bimaze kugaragara ko akandamizwa kandi nawe agomba guhabwa agaciro nk'ikiremwa muntu.

- **Ibyemezo byafatiwe mu nama ya Beijing n'ingamba z'ishyirwa mu bikorwa byaryo**

Ibi byemezo byafatiwe mu nama yabereye i Beijingi muri Repubulika ya Rubanda y'Ubushinwa ku matariki ya 04-15 Nzeri 1995, yahurije hamwe abakuru b'ibihugu na za Guverinoma ndetse n'abandi bafatanyabikorwa baharanira uburenganzira n'iterambere ry'umugore. Ibi byemezo byemejwe n'Inteko rusange y'Umuryango w'Abibumbye yo kuwa 15 Nzeri 1995.

## KU RWEGO RW’ UMUGABANE W’AFURIKA

- **Amasezerano y’inyongera ya Maputo**

Aya masezerano Nyafurika y’uburengazira bwa muntu yashyizweho umukono n’abakuru b’ibihugu na za Guverinoma bibumbiye mu Muryango w’Afurika Yunze Ubumwe ku itariki ya 11 Nyakanga 2003, yazanye umwihariko ku burenganzira bw’umugore muri Afurika, kuko yashimangiye ko ibihugu byo ku mugabane w’Afurika byiyemeje gukomeza gushyigikira no guteza imbere uburenganzira bw’umugore ku iterambere rirambye ndetse no ku izungura.

## KU RWEGO RW’IGIHUGU

- **Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015**

Iri tegeko riruta ayandi mu gihugu ritanga imirongo migari ijyanye n’ihame ry’uburinganire ndetse n’uburenganzira bw’umugore. Aha twibukiranye ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi hari izindi politiki n’amategeko byatekerejwe ndetse bishyirwa mu bikorwa mu rwego rwo guha abagore uburenganzira butandukanye, cyane cyane ku mutungo, izungura n’umutungo. Amategeko ajyanye n’ubu burenganzira araza kugarukwaho mu ngingo zitandukanye z’aka gatabo.

- **Politiki y’Igihugu y’Uburinganire n’ingamba zo kuyishyira mu bikorwa**

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ingingo ziri mu Itegekonshinga zijyanye n’uburinganire n’ubwuzuzanye hagati y’abagabo n’abagore ndetse n’andi mategeko arishamikiyeho, U Rwanda rwashyizeho Politiki yIgihugu y’Uburinganire ndetse n’ingamba zo kuyishyira mu bikorwa. Iyi politiki yashyizweho mu mwaka w’2010 igamije guteza imbere uburinganire mu Rwanda binyujijwe mu kwinjiza ihame ry’uburinganire mu buzima bw’iterambere ry’igihugu. Hatekerejwe kandi ku ngamba zo kuyishyira mu bikorwa, zigamije gukemura ibibazo by’ibanze byagaragajwe mu buryo burambuye, zikaba zishingiye ku buryo iyi politiki y’uburinganire ikora ku ngeri zose z’ubuzima bw’igihugu hamwe n’uburyo bwashyizweho mu kuyishyira mu bikorwa.

## II. UBURENGANZIRA BW'UMUGORE N'UMUKOBWA KU BUTAKA, IZUNGURA N'UMUTUNGO

### 2.1 UBURENGANZIRA BW'UMUGORE KU BUTAKA


#### 2.1.1 AMATEGEKO AHA UMUGORE N'UMUKOBWA UBURENGANZIRA KU BUTAKA

Ingingo ya 35 y' **Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryahinduwe mu 2015**, ari ryo tegeko riruta ayandi mu Rwanda, igaragaza ko "umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka bitangwa na Leta".

Aha ni byiza gushimangira ko rya hame ry'uburinganire ryavuzwe haruguru ryubahirijwe muri iyi ngingo, kuko nta vangura rishingiye ku gitsina riyigaragaramo. Bisobanuye ko ubu burenganzira ku mutungo w'ubutaka buhabwa abagabo n'abagore cyangwa abahungu n'abakobwa ku buryo bungana.

Mu rwego rwo gushimangira uburenganzira bw'umugore ku butaka, Leta y'U Rwanda yashyizeho **Itegeko No 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda** ritanga uburenganzira bungana ku butaka. Ingingo ya 4 y'iri tegeko ivuga neza ko "Ivangura iryo ari ryo ryose, ryaba irishingiye ku gitsina cyangwa inkomoko, ku byerekeranye no kubona ubutaka no kugira uburenganzira bwo kubutunga rirabujijwe". Ikomeza isobanura ko "Uburenganzira ku butaka hagati y'umugabo n'umugore bashyingiranywe ku buryo bwemewe n'amategeko buterwa n'icungamutungo bahisemo".

N'ubwo biza kugaragazwa mu mbogamizi, ni byiza kuvuga ko iyi ngingo itareba abashakanye batarasezeranye imbere y'amategeko, bityo ikaba ibangamiye umugore mu buryo butandukanye.




## 2.1.2 UBUHAMYA KU BURENGAZIRA BW'UMUGORE KU BUTAKA

Intambwe ya mbere yo guharanira uburenganzira bw'umugore ku butaka, izungura n'umutungo ni ukumenya amategeko arengera bwa burenganzira no kuyasobanukirwa neza, ku buryo amenya ko yahohotewe igihe ingingo zimurengera zitubahirijwe. Ni byiza na none kureba niba iri tegeko ryubahirizwa ku buryo nta mugore cyangwa umukobwa ugihohoterwa ku butaka. Ubu buhamya bukubiye muri ibi byiciro bibiri.

**Ubumenyi ku itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda**

**Uwimbabazi Christine**
Umurenge wa Murama, Akarere ka Ngoma.

*"Ku itegeko ry'ubutaka, tuzi ko umugabo n'umugore babufiteho uburenganzira bungana. Umwe afiteho mirongo itanu ku ijana, n' undi akagira mirongo itanu ku ijana, bakaba baburinganiyeho".*

**Uwizeyimana Isabelle,**
Umurenge wa Ngera, Akarere ka Nyaruguru

*"Twamaze kumenya ko niba mu rugo wowe n'umugabo mufite ubutaka, atabufata ngo abukoreshe icyo yishakiye, kwa kundi kera umugabo yagurishaga ngo ubu ni ubutaka bwa data, cyangwa se ni ubwo nihahiye. Twamenye ko umugore atagihezwa ku butaka".*

**Iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umugore ku butaka**

**Uwineza Utumwa Zipora**
Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kirehe.

*"Iwacu iyo tuvuze ngo dushaka gukora igikorwa runaka twifashishije bwa butaka, nanjye mbigiramo uruhare. Umwanzuro dufashe hamwe n'umugabo mbanza kuwumwemerera".*

**Tuyishimire Clementine**
Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kirehe

*"Hari aho umugabo yagurishije ubutaka atabwiye umugore, noneho nyuma umugore agiye guhinga bamubwira ko atemerewe guhinga kuko bwagurishijwe. Bagiye mu buyobozi bw'umudugudu, bigera ku kagari niho babikemuriye. Ubona ko Leta y'U Rwanda iduha uburenganzira ku butaka bwacu".*


## 2.2 UBURENGANZIRA KU MUTUNGO UKOMOKA KU BUHINZI

### 2.2.1 AMATEGEKO AHA UMUGORE N'UMUKOBWA UBURENGANZIRA KU MUTUNGO UKOMOKA KU BUHINZI/UBUTAKA

Muri rusange, umutungo ukomoka ku buhinzi ubarirwa mu mitungo itandukanye y'umuryango. Mu rwego rw'uburenganzira ku mutungo, amategeko ateganyiriza umugore n'umugabo ku buryo bungana.

**Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryahinduwe mu 2015,** mu ngingo yaiyo ya 34, rivuga ko "buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi". Rikomeza risobanura ko "umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi utavogerwa".

By'umwihariko, umutungo w'abashyingiranywe byemewe n'amategeko ucungwa bitewe n'uburyo bahisemo igihe cyo gushyingirwa. Ni ukuvuga ko iyo bajya kubana bumvikana uburyo bwo gucunga umutungo basanganywe mbere yo kubana ndetse n'uwo bazashakana igihe bazaba bakiri kumwe nk'umugabo n'umugore babana mu buryo bwemewe n'amategeko. **Itegeko N° 27/2016 ryo kuwa 08/07/2016 rigenga Imicungire y'Umutungo w'Abashyingiranywe, Impano n'Irage,** mu ngingo yaryo ya 4, iteganya ubwoko butatu bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, aribwo ivangamutungo rusange, *ivangamutungo w'umuhahano n'ivanguramutungo rusange.*



## UBWOKO BUTATU BW'IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'ABASHYINGIRANYWE

### Uburyo bwa mbere: Ivangamutungo rusange

Ingingo ya 5 y'iri tegeko isobanura ko "ivangamutungo rusange ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bakumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose". Ingingo ya 6 yungamo ivuga ko "Abashyingiranywe bahisemo ivangamutungo rusange bacungira hamwe umutungo wabo, kandi bakagira ububasha bungana bwo kuwukurikirana no kuwuhagararira". Iyi ngingo isobanura na none ko "umutungo wose wanditse kuri umwe mu bashyingiranywe ubarirwa mu mutungo w'abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo rusange". Ni byiza kwibutsa ko muri ubu buryo, nk'uko ingingo ya 7 y'iri tegeko ibiteganya, "abashyingiranywe bafatanya kwishyura imyenda yafashwe mbere na nyuma yo gushyingirwa".

### Uburyo bwa kabiri: Ivangamutungo muhahano

Ivangamutungo muhahano, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 9 y'iri tegeko, ni "amasezerano abashyingiranywe bagirana bakumvikana gushyira hamwe umutungo bazahaha bari kumwe kuva ku munsi w'ishyingirwa, kimwe n'ibyo bungutse mu mibanire yabo, bakorera hamwe cyangwa buri wese ku giti cye, byaba impano cyangwa ibizungurwa". Ingingo ya 10 iteganya ko "igihe cyo gukora amasezerano yo gushyingirwa, hashingiwe ku byo abashyingiranwa ubwabo bumvikanyeho, hakorwa ibaruramutungo ryerekana umutungo bwite wa buri wese kimwe n'umutungo buri wese ageneye iremezo ry'urugo iyo uhari". Iteganya kandi ko "ikintu cyose kitabaruwe nk'umutungo w'iremezo ry'urugo kiba ari icya nyiracyo". Bitandukanye n'uburyo bw'ivangamutungo rusange, ingingo ya 11 iteganya ko "buri wese afite ububasha bwo gukoresha, kwikenuza, gutanga no kugurisha umutungo yigengaho. Inyungu n'ibindi byose byabyawe n'umutungo buri wese yigengaho bishyirwa muri uwo mutungo we". Na none, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 12, "inguzanyo n'imyenda byafashwe mu nyungu z'umuntu ku giti cye byishyurwa na nyir'ukubifata ku mutungo we bwite. Icyakora, iyo mu gihe cyo kuwufata habayeho ubufatanye, uwo mwenda wishyurwa ku mutungo rusange".

## Uburyo bwa gatatu: Ivanguramutungo risesuye

Nk'uko bigaragara mu ngingo ya 14 y'iri tegeko, "ivanguramutungo risesuye ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bakumvikana gufatanya gutunga urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, kandi buri wese akagumana uburenganzira bwo gucunga, kwikenuza, gutanga no kugurisha umutungo we bwite". Ingingo ya 16 y'iri tegeko isobanura ko "buri wese mu bashyingiranywe mu buryo bw'ivanguramutungo risesuye afite inshingano zo kwishyura ubwe umwenda yafashe mbere cyangwa nyuma y'isezerano ryo gushyingirwa, keretse iyo uwo mwenda yawufashe ku nyungu z'urugo". Iyi ngingo yongeraho ko "umwenda bahuriyeho bawishyura bombi ku mutungo wa buri wese kandi mu buryo bumvikanyeho bajya kuwaka".

Usibye ingingo zijyanye n'imicungire y'umutungo w'abashakanye, iri tegeko kandi riteganya ingingo zitandukanye zerekeranye n'izungura. Twibukiranye ko iri tegeko ryasohotse mu mwaka w'2016 risimbuye Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, ndetse n'ibijyanye n' impano n' izungura. Ni mu gihe amategeko yabanje mu Rwanda ajyanye n'izungura yahaga gusa umugabo n'umuhungu uburenganzira bwo kuzungura imiryango yabo, umugore n'umukobwa bagahezwa ku mitungo, yaba iy'umuryango bakomokamo cyangwa iyo bashatsemo cyangwa bazashakamo.

### 2.2.2 UBUHAMYA KU BURENGAZIRA BW'UMUGORE KU MUTUNGO UKOMOKA KU BUHINZI/ BUTAKA

**Uwanyirigira Marie Grace**
Umurenge wa Kirehe, Akarere ka Kirehe

*"Usanga iyo umugabo afashe ishyamba, akarigurisha, bibyara amakimbirane mu rugo, kubera ko abagabo batarumva ko umugore nawe afite uburenganzira ku mutungo. Umugore ntiyatera imbere, kubera ko ibyo asarura atabigiraho uburenganzira".*

**Nyandwi Anastasie**
Umurenge wa Nyagisozi, Akarere ka Nyaruguru

*"Twebwe iwacu uko dukora, ntago umugabo apfa kugurisha atambwiye. Ikintu cyose gikenewe tubanza kujya inama."*

### II.1. UBURENGANZIRA BW'UMUGORE N'UMUKOBWA KU IZUNGURA

#### II.1.1. AMATEGEKO AHA UMUGORE N'UMUKOBWA UBURENGANZIRA KU IZUNGURA

**Itegeko Nº 27/2016 ryo kuwa 08/07/2016 rigenga Imicungire y'Umutungo w'Abashyingiranywe, Impano n'Irage** risobanura kandi icyo izungura ari cyo, ndetse rigaha uburenganzira umugore n'umukobwa ku izungura.

| Izungura ni iki? | Izungura riba ryari? |
|---|---|
| Ingingo yaryo ya 51 isobanura ko izungura ari "uguhabwa uburenganzira n'inshingano ku mutungo n'imyenda by'uwapfuye". | Ingingo ya 52 iteganya ko "izungura ry'uwapfuye ritangira iyo uzungurwa amaze gupfa, rikabera aho yari atuye cyangwa yabaga". |

Aha ni byiza na none kumenya ko umwihariko w'iri tegeko ari uko riha uburenganzira bwo kuzungura bungana abashakanye byemewe n'amategeko (bitewe n'uburyo bahisemo bwo gucunga umutungo) ndetse n'abana, hatitawe ku gitsina cyabo. Ku byerekeranye n'abana, ingingo ya 54 iteganya ko "abana amategeko mbonezamubano yemera ko ari ab'uwapfuye bazungura ku buryo bungana nta vangura hagati y'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa".

Iri tegeko, mu ngingo yaryo ya 73, rigena urutonde rw'abazungura bahoraho, aribo aba bakurikira:

1° Abana b'uwapfuye

2° Se na nyina b'uwapfuye

3° Abavandimwe b'uwapfuye basangiye ababyeyi bombi

4° Abavandimwe b'uwapfuye basangiye umubyeyi umwe

5° Ba sekuru na nyirakuru b'uwapfuye

6° Ba se wabo, ba nyirasenge, ba nyirarume na ba nyina wabo b'uwapfuye

Nk'uko twabikomojeho haruguru, ku bijyanye n'abashyingiranywe, iyo umwe apfuye, usigaye azungura hitawe ku masezerano y'ishyingirwa bafitanye, ni ukuvuga ko biterwa no kuba baravanze umutungo rusange, niba baravanze umutungo muhahano cyangwa se baravanguye umutungo mu buryo busesuye. Niyo mpamvu kuri uru rutonde hatagaragaraho umwe mu bashakanye wasigaye nyuma y'uko mugenzi we yitabye Imana.

**Itegeko No 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango** naryo rifite aho rihuriye n'uburenganzira bw'umugore cyane cyane ku mutungo w'abashakanye ndetse n'izungura.

Ku ikubitiro, ingingo ya 23 ivuga ku micungire y'umutungo w'umuntu wazimiye hakekwa ko akiriho, aho isobanura ko "mu gihe umuntu wazimiye hakekwa ko akiriho, umutungo we ucungwa n'uwo bashyingiranywe hatitawe ku masezerano y'icungamutungo abashyingiranywe bari barahisemo, keretse urukiko rubigennye ukundi".

Ikomeza isobanura ko “iyo uwazimiye hakekwa ko akiriho atari yarashyingiwe, kandi akaba nta muntu yasigiye ububasha bwo gucunga ibye, Inama y’umuryango igena ushinzwe gucunga umutungo we. Iyo bishoboka, ava mu bashobora kuzamuzungura”.

Na none, ingingo ya 33 iteganya ko “gutangaza ko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye bituma izungura rye ritangira”. Iteganya kandi ko “abazungura bariho ku munsi wafashweho ko ariwo w’urupfu rw’uwabuze cyangwa uwazimiye bafite uburenganzira bwo kugabana umutungo we hakurikijwe amategeko abigenga”.

Izi ngingo zigaragaza neza ko nta vangura rishingiye ku gitsina rishingirwaho mu gucunga umutungo w’urugo igihe cyose hari umwe mu bashakanye waburiwe irengero, hakekwa ko akiriho.

Iri tegeko rigenga abantu n’umuryango rivuga kandi ku burenganzira bw’abagize umuryango igihe habaye impamvu zituma batandukana. Igihe bari mu nzira ziteganywa n’amategeko zibaganisha ku gutana burundu ariko bakaba bategetswe kuba ahantu hatandukanye, ingingo ya 227 y’iri tegeko iteganya ko “uretse igihe abashyingiranywe basezeranye ivangura mutungo risesuye, iyo urukiko rutegetse kuba ahandi, umutungo wimukanwa n’utimukanwa ugabanywa abashyingiranywe mu buryo bw’agateganyo nyuma yo kuwukorera ibarura rishyirwaho umukono n’impande zombi kandi hagomba kwitabwaho inyungu z’umwana n’iz’umwuga w’abashyingiranywe”.

Igihe ababyeyi batandukanye, ingingo ya 246 iteganya ko “abana bagira uburenganzira bwo kwikenuza kimwe cya kabiri (1/2) cy’umutungo wa buri muntu muri abo bari barashyingiranywe kigacungwa n’umubyeyi urukiko rwemereye kurera abana”. Iyi ngingo na none yongeraho ko “Iyo abana bagize imyaka y’ubukure urwo ruhare rw’umutungo bari bemerewe kwikenuza rusubizwa umubyeyi warutanze agakomeza inshingano yo kubarera hakurikijwe amategeko”.

### II.1.2. UBUHAMYA KU BURENGAZIRA BW’UMUGORE KU IZUNGURA

Ubumenyi bw’abagore ku itegeko ribaha uburenganzira ndetse n’abana b’abakobwa ku izungura buri ku rugero rushimishije, n’ubwo hari abakizitiwe n’imigenzereze ishingiye ku muco, haba ku ruhande rw’abagabo, kimwe no ku ruhande rw’abagore.




Ubumenyi bw'abagore ku itegeko ry'izungura rigaragarira mu buhamya bukurikira:

**Mukamanzi Cecile,**

Umurenge wa Sake,
Akarere ka Ngoma

"Uyu munsi wa none buri wese afite uburenganzira bwe, bumurengera kugira ngo azungure iwabo cyangwa se mu miryango iyo yazimye; hari igihe hasigara umuntu ariko akaza ari umugore wo mu muryango wa hafi. Bareba niba uri umuzungura wa hafi, uko bakurikirana, ntago umugabo uhari uri hasi yawe ku rutonde rw'abazungura yakurenganya".

## II.2. UKO AYA MATEGEKO YEREKEYE UBURENGANZIRA BW'ABAGORE KU BUTAKA AKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

**Itegeko Nº 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina**, mu ngingo yaryo ya 2, risobanura ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk' "igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo".

Umuntu ashobora kwibaza niba amategeko twavuze haruguru aha uburenganzira umugore ku butaka, izungura n'umutungo yaba yaraje gukemura ubuhe bwoko bw'ihoroterwa, cyane cyane ko kuva kera umuco nyarwanda wabimuhezagaho wubahirijwe n'abanyarwanda b'ingeri zose. Ese igihe umugore adafite uburenganzira ku butaka, ku izungura no ku mutungo, ni ubuhe bwoko bw'ihohoterwa aba akorewe? Mu gusubiza iki kibazo, twifashishije abantu batandukanye bafite ubumenyi n'ubunararibonye mu bijyanye no guharanira uburenganzira bw'umugore no kumwongerera ubushobozi.

| | |
|---|---|
| **Bwana Dusabe Shadrack** Umukozi mu Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku buringanire n'Iterambere ry'Abagore | *"Iyo umugore atagize uburenganzira busesuye, ni intangiriro y'ihohoterwa. Kuko iyo umuntu avukijwe uburenganzira bwe, kandi yari afite, cyangwa yakagombye kugira, ihohotera ni aho ritangirira".* |
| **Madamu Abatoni Penina,** Umukozi w'umuryango uharanira Iterambere ry'abagore | *"Ariya mategeko yose iyo ugiye kuyareba akumira ihohoterwa. Ihohoterwa rya mbere ni ku mutungo. Iyo udafite uburenganzira ku butaka mwashakanye n'ubwo muzashaka, aho ngaho uba uhohotewe"* |

## II.3. INZEGO ZIGIRA URUHARE MU GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU MURYANGO ASHINGIYE KU BUTAKA, IZUNGURA N'UMUTUNGO

Kuba amategeko arengera uburenganzira bw'umugore ku butaka, izungura n'umutungo ahari mu Rwanda ni intambwe nziza ifasha umugore kugera ku iterambere rirambye. Ni byiza na none ko ayo mategeko akurikizwa, kandi igihe bitagenze bityo utayubahirije akaba yabibazwa mu buryo buteganywa n'amategeko.



Mu Rwanda hari uburyo butandukanye ndetse n'inzego byashyizweho umugore ashobora kwifashisha igihe uburenganzira bwe ku butaka, ku izungura no ku mutungo bitubahirijwe. Muri izo nzego harimo izi zikurikira:

- **Inzego z'ibanze**, kuva ku rwego rw'Isibo, Umudugudu, Akagari, Umurenge n'Akarere;
- **Inzego z'abagore** nk'Inama Nkuru y'Abagore, izwi cyane nka Senefu (CNF);
- **Inshuti z'Umuryango** zikorera ku nzego zegerejwe abaturage;
- **Ibigo bya Leta** bitandukanye nk'Umugenzuzi Mukuru w'Ihame ry'Uburinganire, Polisi y'Igihugu, n'izindi.
- **Imiryango itari iya Leta** iharanira uburenganzira bw'Umugore nk'Impuzamiryango Pro-Femmes Twese Hamwe n'imiryango iyigize.


## III. BIMWE MU BIBAZO WAKWIBAZA KU BURENGANZIRA BW'UMUGORE KU BUTAKA, KU IZUNGURA NO KU MUTUNGO N'IBISUBIZO NYABYO KURI BYO

Aya mategeko twaganiriyeho ndetse n'izindi ngingo zijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ryayo byagize uruhare rufatika mu iterambere ry'umugore wo mu cyaro. Gusa nk'uko byagaragajwe n'ingeri zitandukanye, haracyari inzira ndende kubera imbogamizi zituma imbaraga zishyirwamo zitagera ku ntego uko bikwiye. Mu mbonerahamwe ikurikira turahasanga bimwe mu bibazo umusomyi w'aka gatabo yakwibaza ndetse n'ibisubizo nyabyo kuri ibi bibazo.

Ibisobanuro birambuye kuri izi mbogamizi n'uburyo zakemuka bikubiye mu mbonerahamwe zikurikira:

| Bimwe mu bibazo wakwibaza ku micungire y'ubutaka | Amakuru y'ukuri |
| --- | --- |
| Uburenganzira butangana hagati y'abagabo n'abagore ku bikomoka ku buhinzi, ahanini bitewe n'imyumvire itanoze ku mpande zombi (abagabo n'abagore) | Haracyakenewe ubukangurambaga cyane cyane ku bagabo, bugamije kubasobanurira ko uburenganzira bw'umugore ku butaka butagarukira gusa ku kwandikwa ku cyangombwa cy'ubutaka, ahubwo ko bombi bafite uburenganzira bungana ku mutungo no ku musaruro ukomoka ku buhinzi bukorerwa kuri bwa butaka bubanditseho bombi. Mu buryo burambye, ubukangurambaga n'inyigisho bigomba no gukorerwa abakobwa n'abahungu bazaba ari abagore n'abagabo ejo hazaza. Ibi bizafasha gukumira amakimbirane akigaragara mu ngo, kubera ko abazaba barushinze bazaba basobanukiwe n'uburenganzira n'inshingano za buri wese. |
| Uburenganzira ku butaka n'umusaruro ubukomokaho ntibwubahirizwa ku bagore babana n'abagabo batarasezeranye. | Abagore babana n'abagabo batarasezeranye imbere y'amategeko barashishikarizwa kwibutsa abagabo babo ko ari ngombwa ko bakwegera ubuyobozi bubifitiye ububasha bukabasezeranya. Ibi bizabafasha abagore bafite iki kibazo kugira uburenganzira bungana n'ubw'abagabo ku mitungo y'urugo, harimo n'ubutaka. |
| Mu miryango imwe n'imwe uburenganzira ku izungura ntibungana hagati y'abana b'abahungu n'abakobwa, cyangwa se abana bakomoka ku babyeyi batasezeranye, baba babana cyangwa batabana. | Abana bose bagomba kumenya uburenganzira bwabo bujyanye n'izungura kugira ngo babe babuharanira igihe babuvukijwe. Itegeko riteganya ko abana bose bafite uburenganzira bungana ku mitungo y'ababyeyi babo, utitaye ku gitsina cyabo, ni ukuvuga umwana w'umuhungu cyangwa w'umukobwa. Abana kandi bafite uburenganzira bungana, hirengagijwe uburyo baba baravutsemo, ni ukuvuga baba bakomoka ku babyeyi basezeranye cyangwa batarasezeranye; baba babana cyangwa batabana |
| Muri rusange, ubumenyi ku mategeko buracyari ku rugero rwo hasi. | Hakenewe inyigisho zimbitse zijyanye n'amategeko ku butaka, izungura n'umutungo. By'umwihariko, izi nyigisho zigomba kugenerwa abagore bo mu cyaro, cyane cyane abadafite inzego bahagarariye, haba mu nzego z'ibanze, inzego z'ibyiciro byihariye (abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga) cyangwa iz'amakoperative. |

**Duharanire uburenganzira bw'umugore n'umukobwa ku butaka, izungura n'umutungo, bityo tube mu muryango utekanye kandi uteye imbere.**



## UMUSOZO

N'ubwo hakiri inzira ndende ngo uburenganzira bw'abagore ku butaka, izungura n'umutungo bugerweho burundu, hari byinshi bimaze gukorwa kandi byishimirwa na benshi, baba abagenerwabikorwa b'uyu mushinga cyangwa se abafatanyabikorwa b'Umuryango Imbuto Foundation n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere ry'Umugore.

Usibye n'aya mategeko ubwayo yunganira abagize umuryango kugira ngo barusheho kumva ko bafite uburenganzira bungana, umuntu ari kimwe n'undi, gukomeza kwigisha ku bijyanye n'iterambere bibafasha kurushaho gukorana umurava. Na none ubukangurambaga ku ruhare rw'abagore mu iterambere ry'umuryango ndetse n'iry'igihugu muri rusange byazamuye imyumvire y'abagabo ku burenganzira bw'abagore ku butaka, izungura n'umutungo; bityo byimakaza imibanire myiza mu muryango.

Abafatanyabikorwa batandukanye muri uru rugendo barashishikarizwa kudacogora ku ntego yabo yo guharanira ko ubu burenganzira bw'umugore bukomeza gutezwa imbere, no gukomeza kubashyigikira mu rugamba rwo kwiteza imbere, binyuze mu gukora imishinga ishingiye ku buhinzi bwa kijyambere.

## INYANDIKO ZIFASHISHIJWE


1. Afurika yunze Ubumwe, Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntun'Uburenganzira bw'Abagore muri Afurika (Amasezerano y'inyongera ya Maputo), 2003;

2. Repubulika y'U Rwanda, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryahinduwe muri 2015, 2015;

3. Repubulika y'U Rwanda, Itegeko N° 27/2016 ryo kuwa 08/07/2016 rigenga Imicungire y'Umutungo w'Abashyingiranywe, Impano n'Irage, 2016;

4. Repubulika y'U Rwanda, Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga Abantu n'Umuryango, 2016;

5. Repubulika y'U Rwanda, Itegeko N° 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda, 2013;

6. Repubulikay'U Rwanda, Itegeko No 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana Ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina,2008;

7. Repubulika y'U Rwanda, Politiki y'Igihugu y'Uburinganire, yo muri Nyakanga 2010, 2010.

8. Umuryango w'Abibumbye, Amasezerano agamije guca burundu ubwoko bwose bw'ivangura rikorerwa abagore, 1979;

9. Umuryango w'Abibumbye, Amasezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira bwa Muntu, 1948;

10. Umuryango w'Abibumbye, Ibyemezo byafatiwe mu nama ya Beijing n'Ingamba ry'ishyirwa mu bikorwa byabyo, 1995.

© All rights reserved, Imbuto Foundation/ UN Women, March 2021

Supported by RWEE Project